## Ni iki tugamije hamwe na SchoolsPlus?

Tugamije ko umuryango n'urubyiruko byifatanya ku rwego rwo hejuru kandi tukabitegura byimazeyo kugira ngo tugere ku ntsinzi. Mu gukorana n'abafatanyabikorwa, Schools**Plus** itanga kandi igateza imbere gahunda zitandukanye na serivisi ku bigo by'amashuri, bishobora kuba bikubiyemo:

- porogaramu z'ubufasha, ubujyanama
- amakipe y'imikoro yo mu rugo, ubufasha mu gushaka akazi
- serivisi z'ubuzima (umuganga w'indwara zo mu mutwe, umuhuzabikorwa, umuhuzabikorwa w'ubuzima bw'urubyiruko, umuganga w'abana)
- imikoranire hagati ya polisi n'abaturage
- porogaramu z'amafunguro ya mu gitondo, amasomo y'imirire, ubusitani bw'abaturage
- Ibigo by'Abana Bato
- amatsinda y'urubyiruko (urugero, ubuhanzi, umuco, GSA)
- ubufasha bw'ababyeyi (urugero, amashuri, amatsinda y'abantu)
- porogaramu z'imyidagaduro (nyuma y'ishuri, Ibiruhuko bya Werurwe, impeshyi)



Feb 27 2024



Schools Écoles **Plus**

Ku yandi makuru arebana na Schools**Plus** muri Nova Scotia hamagara


**Umuhuzabikorwa wa SchoolsPlus**
Serivisi z'Abanyeshuri,
Ishami ry'Uburezi n'Iterambere ry'Abana Bato

2021 Brunswick Street
Halifax, NS B3K 2Y5

**(902) 424-3429**
**schoolsplus.ednet.ns.ca**


# Schools Écoles Plus

NOVA SCOTIA / NOUVELLE-ÉCOSSE

UBURYO BW'IMIKORANIRE HAGATI Y'INZEGO BUSHYIGIKIRA UMWANA N'UMURYANGO

umuryango mugari
ibikorwa by'ubutabazi
imyaka yo hasi
intsinzi
ubuzima
kwita ku bandi
ishyize hamwe
guha ikaze
abana
imiryango
umuko
imikoranire
bahora bahari
nyuma y'amasomo
ibigoroba
ihuriro
ubufatanye
ubufas
impeshyi
serivisi
igerwaho na buri wese
gutegura
guhanahana amakuru

NOVA SCOTIA

# Icyerekezo cya Schools**Plus** ni uko amashuri aba ihuriro ry'abaturage, ahantu heza ho gutanga serivisi ku miryango.

Schools**Plus** yorohereza inararibonye gukorana ku bw'inyungu z'abana, urubyiruko n'imiryango. Imiryango ihabwa serivisi ahantu heza, hagerwa na buri wese—ishuri mu gace batuyemo. Serivisi zitangirwa muri buri kigo cya Schools**Plus** zubahiriza kandi zikita ku bikenewe n'abaturage.

Buri kigo gifite komite nyobozi y'akarere ifite abahagarariye inzego zitandukanye za leta, nk'Ubutabera, Ubuzima n'Imibereho Myiza, Serivisi z'Abaturage, Uburezi n'Iterambere ry'Abana bato, kimwe n'imiryango y'abaturage. Izo komite z'ubujyanama zifasha mu kumenya serivisi n'ibikenewe, kandi zigatanga ibisubizo.

## Ni gute Schools**Plus** iteza imbere gahunda zo gutanga serivisi ku banyeshuri n'imiryango?

Schools**Plus** itanga

- serivisi zuzuye, z'ubufatanye kandi zihuriweho
- gusangira amakuru n'ibikoresho hagati y'ibigo
- serivisi zitangwa mu gihe gikwiriye kandi zinoze
- kubazwa no gukoresha uburyo bushingiye ku bimenyetso
- imirimo ikorwa nyuma y'amasomo
- kubaka ubushobozi
- amashuri afasha imiryango

Schools**Plus** iteza imbere imikoreshereze y'ibikoresho by'ishuri bikorwa n'abanyeshuri, imiryango n'abaturage binyuze

- mu bikorwa by'imibereho myiza, ubuzima, ubutabera, imyidagaduro, na serivisi z'ubuzima bwo mu mutwe zitangirwa mu bigo by'amashuri aho ishuri riri
- Ibigo by'Abana Bato, ibigo by'umutungo w'umuryango, n'ibigo nderabuzima by'urubyiruko biba mu mashuri hagati

## Schools**Plus** ikora ite?

Ibigo bya Schools**Plus** bishyigikirwa n'umufashamyumvire hamwe n'umukozi ushinzwe gufasha abaturage. Bakora nk'abahuza hagati y'ishuri n'abaturage kandi bakavuganira, bagashyira hamwe, kandi bagashyiraho serivisi zigenewe abanyeshuri n'imiryango. Bafasha imiryango kumenya uko ikora no kubona serivisi bakeneye. Abaganga b'ubuzima bwo mu mutwe mu mashuri bari mu mashuri amwe n'amwe yitabiriye gahunda ya Schools**Plus** kugira ngo batange ubufasha n'ubuvuzi ku banyeshuri bafite ibibazo byo mu mutwe.

## Ni bande bahabwa serivisi na Schools**Plus**?

Schools**Plus** ikorera abana bose, urubyiruko n'imiryango, cyane cyane abakeneye izindi nkunga n'izindi serivisi.



## Ni gute imiryango yinjira muri Schools**Plus**?

Gushyirwa muri Schools**Plus** bituruka ahanini ku muyobozi w'ishuri n'Itsinda ry'Abanyeshuri Ritegura gahunda ry'ikigo. Abatanga serivisi, abanyeshuri n'imiryango nabo bashobora kuvugana n'Umufashamyumvire wa Schools**Plus** kugira ngo bagire uwo bashyiramo.



Umufashamyumvire wa Schools**Plus** atumirwa mu nama z'Itsinda ry'Abanyeshuri Bategura ry'ishuri nk'uko bikenewe. Igipimo cy'igisubizo kizaterwa n'urwego rw'ibyifuzo byagaragajwe igihe cyo kubisaba. Rimwe na rimwe ibi bizaba bivuze guhanhana nomero zo kuvuganiraho kugira ngo imiryango ihuzwe na serivisi bakeneye. Mu bindi bihe, umufashamyumvire ashobora gutegura inama n'abatanga serivisi benshi kugira ngo bakore gahunda y'ibikorwa hamwe n'umuryango. Icyo gikorwa tukita Gutegura gahunda yuzuye y'ibikorwa. Abanyeshuri bashobora gukenera gahunda yuzuye ya serivisi igihe

- bagomba guhuzwa na serivisi nyinshi
- hari inzitizi zituma umuntu atabasha kugera kuri serivisi
- serivisi zitandukanye zitangwa, ariko bagikeneye izindi serivisi kugira ngo bagire icyo bageraho